# ITANGAZO RY'INGENZI RIGENEWE IMPUNZI N'ABASABA UBUHUNGIRO BATUYE MU MIJYI KUBIJYANYE NA CORONAVIRUS (COVID-19)

**(Yatanzwe: 19 Gicurasi 2020)**

Guverinoma ya Kenya yashyizeho uburyo bwo **kubuza ingendo** kugira ngo ibashe gukumira ikwirakwizwa ry'ubwandu bwa Coronavirus (COVID-19), by'umwihariko:

- ***Isaha yo gutahiraho*** *mu gihugu hose hagati ya* ***saa moya z'umugoroba na saa kumi n'imwe za mugitondo*** *Isaha yo gutahiraho iratangira gukurikizwa* ***ubu kugeza ku ya 6 kamena 2020***
- *Nta rugendo rwinjira cyangwa rusohoka* ***mu mujyi wa Nairobi, Kilifi, Kwale, Mombasa, na Mandera****. Aya mabwiriza arantangira gukurikizwa kugeza ku ya* ***6 Kamena 2020***
- *Nta rugendo rwemewe imbere cyangwa hanze ya* ***Eastleigh*** *I Nairobi,* ***n'Umujyi wa kera*** *i Mombasa. Iri tegeko rigomba* ***guhita*** *rikurikizwa kugeza ku ya* ***27 Gicurasi 2020****.*
- ***Imipaka na Tanzania na Somalia yafunzwe*** *ku ngendo z'abantu kuva ku ya 16 Gicurasi 2020..*
- *Nta rugendo rwinjira cyangwa rusohoka rwemewe mu* ***nkambi z'impunzi I Kakuma ni Dadaab***

Umubare wa COVID-19 uragenda wiyongera, kandi ni ngombwa cyane ko ukomeza kugezwaho amakuru kandi **ukurikiza amabwiriza n'amategeko** ya guverinoma ya Kenya kugira ngo bifashe gukumira ikwirakwizwa. Mu buryo busobanutse, ibi bivuze:

- ***Karaba intoki kenshi*** *gashoboka ukoresheje isabune n'amazi.*
- ***Nyamuneka ntukore ingendo zidakenewe rwose kumunsi.*** *Mu gihe ugomba kujya hanze, ambara masike (agapfuka munwa) ahantu uhurira n'abantu benshi kandi* ***witwaze ibyangombwa byawe byo kwiyandikisha*** *ihihe cyose*
- ***Ntukitabe cyangwa ngo ukoreshe amateraniro rusange****. Nimba ugomba kwitabira igiterane rusange, nko gushyingura cyangwa ubukwe, menya neza ko* ***abantu batarenze 15 mu giterane****.*
- *Mu gihe leta ikora* ***ipimwa rusange*** *ahantu hatandukanye,kugirango igenzure ikwirakwizwa rya COVID 19 Kandi uramutse uraho hantu, nyamuneka* ***fatanya nabakozi ba ministers y'Ubuzima****.*

Izi ngamba **niz'umutekano wawe** kandi ni ku **nyungu zawe bwite.** Ikindi, uzatanga umusanzu wawe mu kwirinda ikwirakwiza rya COVID 19. Ariko nyamuneka menya ko hari ingaruka mu gihe udakurikije Aya mabwiriza arimo:

- *Mu gihe utambaye masike yo mumaso ahantu rusange, ushobora gucibwa* ***amande agera kuri 20,000 KES*** *kandi ushobora* ***gufungwa*** *amezi agera kuri atandatu changwa byombi*
- *Nimba witabiriye amateraniro arimo abantu barenga 15 cyangwa ugatembera mu masaha yo gutaha cyangwa ukagerageza kwinjira cyangwa gusohoka mu nkambi ya Kakuma cyangwa ya Dadaab, ushobora* ***gufatwa****; bitabaye ibyo, ushobora gushyirwa mu* ***kato*** *na Guverinoma mu kigo cyagenwe iminsi 14 ku mafaranga yawe.*

Ibi bihe ntabwo byoroheye uwariwe wese. Mu gihe ukeneye ubufasha, Nyabuneka reba **numero zubutabazi hano hakurikira**:

| | |
|---|---|
| ***Ku Kwiyandikisha/ibyangombwa byihutirwa:*** Ubunyamabanga bushinzwe ibibazo by'Impunzi Shauri Moyo: 0772057770 | ***Umurongo wa telephone ya UNHCR:*** 0800720063 (utishyurwa) |
| ***Ku bijyane n'ubuvuzi bwihutirwa:*** NCCK 0704873342 / 0723281352/ 0723281362 | ***Ku bibazo bijyane na NHIF (ikigega cyubwishingizi bwibitaro bwigihugu):***0740049502 |
| ***Ku byemewe n'amategeko byihutirwa(gutabwa muri yombi, ibibazo na polise):***Kituo cha Sheria 0720806531 | ***Ku bijyane n'imibereho yihutirwa:*** Danish Refugee Council 0800720181 |
| ***Umurongo wa telefone kubijyanye n'ubujyanama :*** 1190/ 1199/ 0721 336017 | ***Umurongo wa telephone kubijyane no kurinda abana:*** 116 |
| ***Umurongo wa telefone kubijyane n'Ihohoterwa rishingiye ku gitsina:*** 1195/ 0800720501 | |

COVID 19 ikwirakwizwa mu buryo buziguye binyuze mu bitonyanga( gukorora, kwitsamura) bivuye k umuntu wanduye; mu buryo butaziguye binyuze mu guhura n'umuntu wanduye change ibikoresho yakoresheje. Nimba ufite kimwe mu **bimenyetso bya COVID 19** nk'umuriro, inkorora, guhumeka nabi hamwe no guhumeka bigoranye, **nyamuneka hamagara Minisiteri y'Ubuzima** ukoresheje 0800721316 (itishyurwa); 0732353535; cyangwa 0748592558 bakuyobore.